Umwami Yesu Kristo ari hafi kugaruka mu isi, iryo ni isezerano yadusezeranije igihe yari ari mu isi mu myaka 2000 ishize, ni gute dushobora kumenya by'ukuri ko azagaruka? Ndakwinginze soma ubuhanuzi bwo Yesu ubwe yivugiye kubizaba mu minsi ya nyuma. Nusomana Ubwitonzi (ubushishozi) bino byanditswe ukabigereranya n'ibiri kuba muri iyi minsi ya none byerekana ko mu by'ukuri Yesu azagaruka mu isi.

## 1 Ibyerekeye kurimbuka kwa Yerusalemu, no kugaruka kwa Yesu

Avuye mu rusengero umwe mu bigishwa be aramubwira ati "Mbega amabuye! Mbega imyubakire! Mbese aho Mwigisha, urirebera? Yesu aramubaza ati "Urareba iyi myubakire minini? Ntihazasigara ibuye rigeretse ku rindi ritajugunywe hasi (Matayo 24:1-2,Mariko 13:1-2, Luka 21:5-6).

## 2 Ibimenyetso byo kuza

Yicaye ku musozi wa Elayono yerekeye urusengero, Petero na Yakobo na Yohana na Andereya bamubaza biherereye bati, "Tubwire, ibyo bizabaho ryari, n'ikimenyetso kigaragaza ko igihe bizasohoreramo cyegereje ni ikihe?"(Matayo:24:3,Mariko 13:3-4; Luka 21:07)

## 3 Ababeshyi bazaduka

Arabasubiza ati "Mwirinde batabayobya, kuko benshi bazaza biyita izina ryanjye bati "Ni njye Kristo', kandi bati "igihe kiri bugufi', ariko ntimuzabakurikire. (Matayo 24:4-5,Mariko 13:5-6;Luka 21:08).

## 4 Intambara n'impuha z intambara

Ariko nimwumva intambara n'imidugararo ntimuzahagarike imitima, kuko ibyo bikwiriye kubanza kubaho, ariko imperuka ntizaherako isohora uwo mwanya. (Matayo 24:6, Mariko 13:07, Luka 21:09).

## 5 Intambara z'amoko|guhinda umushyitsi|Inzara | Indwara

Arongera arababwira ati "Ishyanga rizatera irindi shyanga, n'ubwami butere ubundi bwami. Kandi mu isi hamwe na hamwe hazaba ibishyitsi bikomeye, kandi hazabaho inzara n'ibyorezo by'indwara. Hazabaho n'ibitera ubwoba,n'ibimenyetso bikomeye biva mu ijuru.

## 6

Ibyo bizaba ari itangiriro ryo kuramukwa (Matayo 24:8, Mariko 13:08).

## 7 Gutotezwa kw'abakristu

Ariko ibyo byose bitaraza bazabafata babarenganye, babajyane mu masinagogi no mu mazu y'imbohe, babashyīre abami n'abategeka babahora izina ryanjye, ibyo bizababeraho kugira ngo mube abahamya. (Matayo 24:9; Mariko 13:09, Luka 21:12-13).

## 8

Nibabajyana mu manza ntimuzahagarike imitima y'ibyo muzavuga, ahubwo ibyo muzabwirwa muri icyo gihe muzabe ari byo muvuga, kuko atari mwe muzaba muvuga, ahubwo ari Umwuka Wera. kuko nzabaha ururimi n'ubwenge, ibyo abanzi banyu bose batazabasha kuvuguruza cyangwa gutsinda.

## 9 Kugambanirana mu miryango

Umuvandimwe azagambanira mwene se ngo yicwe, na se w'umwana azamugambanira, abana bazagomera ababyeyi babicishe. Muzangwa na bose babahora izina ryanjye; ariko ntimuzapfūka agasatsi na kamwe ku mitwe yanyu. Nimwihangana muzakiza ubugingo bwanyu. (Matayo 24:9-10, Mariko 13:12-13, Luka 21:16-19).

## 10 Urukundo ruzakonja

Maze kuko ubugome buzagwira, urukundo rwa benshi ruzakonja. Ariko uwihangana akageza imperuka ni we uzakizwa. . (Matayo 24:12-13)

## 11

Kandi **ubu butumwa bwiza bw'ubwami** buzigishwa mu isi yose, ngo bube ubuhamya bwo guhamiriza amahanga yose, ni bwo imperuka izaherako ize. (Matayo 24:14, Mariko 13:10).

## 12 Kurimbuka kwa Yerusalemu

Ariko ubwo muzabona i Yerusalemu hagoswe n'ingabo, muzamenye yuko kurimbuka kwaho kwenda gusohora (Luka 21:20). Ariko ubwo muzabona ikizira kirimbura cyahanuwe n'umuhanuzi Daniyeli gihagaze Ahera, (ubisoma abyitondere), icyo gihe abazaba bari i Yudaya bazahungire ku misozi, n'uzaba ari hejuru y'inzu ye ntazamanuka ngo atware ku bintu byo mu nzu ye, n'uzaba ari mu mirima ye ntazasubira imuhira ngo azane umwenda we (Matayo 24:15-18,Mariko 13:14-16,Luka17:31;21,21). Abazaba batwite n'abonsa muri iyo minsi bazabona ishyano, kuko hazaba kubabara kwinshi mu gihugu, kandi umujinya uzaba uri kuri ubu bwoko, Namwe musengere kugira ngo guhunga kwanyu kutazabaho mu mezi y'imbeho cyangwa ku isabato (Matayo 24:19-20, Mariko 13:17-18, Luka 21:23). Bamwe bazicwa n'inkota, abandi bajyanwe mu mahanga yose ari imbohe, kandi i Yerusalemu hazasiribangwa n'abanyamahanga, kugeza ubwo ibihe by'abanyamahanga bizashirira (Luka 21:24).

## 13

kuko muri iyo minsi hazabaho umubabaro mwinshi, utigeze kubaho uhereye ku kuremwa ku isi ukageza none,kandi ntuzongera kubaho. Iyaba Umwami Imana itagabanyije iyo minsi, ntihajyaga kuzarokoka umuntu n'umwe, ariko ku bw'intore yatoranyije yayigabanyijeho (Matayo 24:21-22; Mariko 13:19-20, Luka 21:23). Kuko iyo minsi izaba ari iyo guhoreramo ngo ibyanditswe byose bisohore (Luka 21:22).

## 14 Abakristu babeshya n'abahanuzi b'ibinyoma

Icyo gihe umuntu n'ababwira ati "Dore Kristo ari hano', cyangwa ati 'Dore ari hariya' ntimuzabyemere, kuko hazaduka abiyita Kristo n'abahanuzi b'ibinyoma bakora ibimenyetso n'ibitangaza, kugira ngo babone uko bayobya n'intore niba bishoboka. Ariko mwebwe mwirinde, dore mbibabwiye byose bitaraba (Matayo 24:23-24, Mariko 13:21-23). Nuko nibababwira bati 'Dore ari mu butayu', ntimuzajyeyo, cyangwa bati 'Dore ari mu kirambi', ntimuzabyemere. Kuko nk'uko umurabyo urabiriza iburasirazuba ukabonekera aho rirengera, ni ko no kuza k'Umwana w'umuntu kuzaba (Matayo 24:27-27, Luka 17:23-24).

## 15 Ibimenyetso ku ijuru

Ariko hanyuma y'umubabaro wo muri iyo minsi, uwo mwanya izuba rizijima, n'ukwezi ntikuzava umwezi wako, n'inyenyeri zizagwa ziva mu ijuru, N'imbaraga zo mu ijuru



zizanyeganyega.'(Matayo 24:29; Mariko 13:24-25, Luka 21:25). Kandi hazaba ibimenyetso ku zuba no ku kwezi no ku nyenyeri, kandi no hasi amahanga azababara, bumirwe bumvise inyanja n'umuraba bihōrera. Abantu bazagushwa igihumura n'ubwoba no kwibwira ibyenda kuba mu isi, kuko imbaraga zo mu ijuru zizanyeganyega. (Luka 21:25-26)

16 Ubwo ni bwo **ikimenyetso cy'Umwana w'umuntu** kizabonekera mu ijuru, n'amoko yose yo mu isi ni bwo azaboroga abonye Umwana w'umuntu aje ku bicu byo mu ijuru, afite ubushobozi n'ubwiza bwinshi. Azatumisha abamarayika be ijwi rirenga ry'impanda, bateranye intore ze mu birere bine, uhereye impera y'ijuru ukageza iyindi mpera yaryo (Matayo 24:30-31; Mariko 13:26-27, Luka 21:27).

17 Nuko ibyo nibitangira kubaho muzararame, mwubure imitwe yanyu, kuko gucungurwa kwanyu kuzaba kwenda gusohora. ( Luka 21:28)

18 Kandi abacira umugani ati Nimwitegereze umutini n'ibindi biti byose. Iyo bimaze gutoha, murabireba mukamenya ubwanyu ko igihe cy'impeshyi kiri bugufi. Nuko namwe nimubona ibyo bibaye, muzamenye yuko ubwami bw'Imana buri hafi (Matayo 24:32-33, Mariko 13:28-29, Luka21:29-31). Ariko uwo munsi n'icyo gihe nta wubizi, naho baba abamarayika bo mu ijuru cyangwa Umwana, keretse Data wenyine (Matayo 24:36, Mariko 13:32).

19 Uko iminsi ya Nowa yari iri, no kuza k'Umwana w'umuntu ni ko kuzaba, kuko nk'uko bari bameze muri iyo minsi yabanjirije umwuzure, bararyaga, baranywaga, bararongoraga, barashyingiraga, bageza umunsi Nowa yinjiriye mu nkuge, ntibabimenya kugeza aho umwuzure waziye ukabatwara bose. Ni ko no kuza k'Umwana w'umuntu kuzaba. (Matayo 24:37-39, Luka 17:26 27)

20 No mu minsi ya Loti na yo byari bimeze bityo: bararyaga, baranywaga, baraguraga, barabibaga, barubakaga, maze umunsi Loti yavuye i Sodomu, umuriro n'amazuku biva mu ijuru biragwa, birabarimbura bose. Ni na ko bizamera umunsi Umwana w'umuntu azabonekeraho.

21 Mwibuke muka Loti. Ushaka kurengera ubugingo bwe wese azabubura, ariko uzabura ubugingo bwe wese azaburokora.

22 Ndababwira yuko muri iryo joro, ababiri bazaba baryamye ku buriri bumwe, umwe azajyanwa undi agasigara. Abagore babiri bazaba basera hamwe, umwe azajyanwa undi asigare. Ababiri bazaba bari mu murima, umwe azajyanwa undi asigare.(Matayo:24:40-41; Luka 17:34-36). Baramubaza bati "Databuja, bizabera he?" Arababwira ati "Aho intumbi iri hose, ni ho inkongoro ziteranira."(Matayo 24:28, Luka17:37).

23 Mujye mwirinda, mube maso musenge, kuko mutazi igihe ibyo bizasohoreramo. Ni nk'umuntu wasize urugo rwe ajya mu kindi gihugu, aha abagaragu be ubutware, umuntu wese ahabwa umurimo we, ategeka umukumirizi kuba maso. Nuko namwe mube maso kuko mutazi igihe nyir'urugo azaziramo, niba ari nimugoroba cyangwa mu gicuku, cyangwa mu nkoko cyangwa umuseke utambitse, atazabatungura agasanga musinziriye. (Mariko 13:34-36)

24 Ariko ibi mubimenye, iyaba nyir'urugo yari amenye igicuku umujura azaziramo yabaye maso, ntiyamukundiye gucukura inzu ye. Nuko namwe mwitegure, kuko igihe mudatekereza ari cyo Umwana w'umuntu azaziramo (Matayo 24:43-44).

25 Ariko mwirinde, imitima yanyu ye kuremererwa n'ivutu no gusinda n'amaganya y'iyi si, uwo munsi ukazabatungura, kuko uzatungura abantu bose bari mu isi yose, umeze nk'umutego (Mariko 13:33, Luka 21:34-35).

26 Nuko rero mujye muba maso, musenge iminsi yose kugira ngo mubone kurokoka ibyo byose byenda kubaho, no guhagarara imbere y'Umwana w'umuntu (Luka 21:36).

27 Ndababwira ukuri yuko ab'ubu bwoko batazashira na hato, kugeza aho byose bizasohorera. Ijuru n'isi bizashira, ariko amagambo yanjye ntazashira na hato (Matayo 24:34-35, Mariko13:30-31, Luka 21:32-33).

**Avuga ijwi rirenga ati "Nimwubahe Imana muyihimbaze, kuko igihe cyo gucira abantu urubanza gisohoye, muramye Iyaremye ijuru n'isi n'inyanja n'amasōko."**

**(Ibyahishuwe 14:7).**

**IGIHE CYO GUTEGEREZA CYARANGIYE**

**Ubwami bw'ijuru buregereje vuba. Twizere Ubutumwa bwiza. N'ukuri, Umwami Yesu Kristo araje kandi vuba. Ese uriteguye kubonana n'umwami wawe??**

**Watch Angel tv**

Satellite : INTELSAT 20 (IS20)
Orbital Location : 68.5° East
Band : Ku-Band
Downlink Frequency : 12.522 GHz
Polarization : Vertical
Symbol Rate : 27.500 Msps
FEC : 3/4
Modulation : DVB-S
Coverage Area : AFRICA & EUROPE

Local Contact Address



# Ubutumwa bwiza bw' ubwami

**KINIYARWANDA / RWANDA**